Calliope MULINDAHABI
B.P. 29
G I T A R A M A.-

R
320.96757
M957 nk

NKUNDA UKULI, NKORESHA UKULI, KANDI NIZEYE KO UKULI KUTAPFUKIRANWA NO KUBESHYERANA, GUSEBANYA, BIGEZE AHO GUHIMBA AMAROZI; NI YO MPAMVU NSANZE ALI NGOMBWA KUMULIKIRA ABASHAKA UKULI BOSE, ABALIHO N'ABAZAZA.-

Najyaga numva bavuga ngo Mulindahabi na Rwasibo ntibumvikana. Iteka nkibaza impamvu ikanyobera. Ntekereza ko ahali ali ukutagenderana cyane, ali ukutabona umwanya uhagije wo kuganira ngo dukuranywe impaka ku bitekerezo. Ubwo nkajya ndushaho kumugenderera, ngira ngo ndeme iteme ry'umubano urenze uwaliho, nkamugisha n'inama. Bukeye nkumva ngo buliya ntibabanye na busa, ngo umubano wabo ushingiye ku bupolitike bw'udupapuro. Nkomeje kubyumva ntyo ndifata, nanjye mpina akarenge.

Biba aho, bukeye nza guhulira na Burgmestre Rwagahilima, murumuna wa Rwasibo, ahantu yagombye kuvuga ati:urwango rwa Rwasibo na Mulindahabi. Mubaza icyo rushingiyeho. Ati: ndabizi, nzabibabwira. Musaba kuzaduhuza twembi Rwasibo na Mulindahabi, ali Burgmestre, naho twe tuli abajyanama ba komine ayobora, cyanga se tuli abaturage basanzwe b'iyo komine, ishobobora kutumvikana kubera urwango azi neza rw'abo baturage bombi. Arabinyemerera rwose. Bukeye nkajya mubaza umunsi yazaduhuza, tukawumvikanaho, nkirirwa imuhira , nkagera no ku biro bya komine ntegereje igisubizo cye, iteka akabyigizayo, aho bigeze nsanga asa n'ubihunga, nako atabishaka rwose.

Mu kwezi kwa munani mu wa 1965 ushize, umugabo Pascal Rucamumakuba ahamagara iwe bamwe mu barwanashyaka bakuru ba Parmehutu ali bo: Gregori Kayibanda, Max Niyonzima, Joseph Sibomana, Claver Ndahayo, Calliope Mulindahabi, Jean-Baptiste Rwasibo, Gaspard Rwagahilima.

Twifungira mu nzu iwe, kuva saa munani kugeza saa moya y'ijoro. Dutangira kwigira hamwe iby'urwango rwa Mulindahabi na Rwasibo. Twese twemeranywa kuvugisha ukuli, kandi tugatahana umuti ukiranura abavandimwe mu buryo bwa kivandimwe.

Babanza kubaza Mulindahabi ngo: vuga icyo upfa na Rwasibo. Abatekerereza uko ubwo bwumvikane buke yabwumvise kera, akakora uko ashoboye ngo buveho bikanga, bukeye akumva ko ahubwo ali urwango, abyumvanye Burgmestre murumuna we; akamusaba ko yazabimenyesha bakabyikiranuramo, bikabura, none akaba yishimiye kubona umwanya wo kumenya nibura icyo bapfa; ashimira Pascal uwo mutima yagize wo kubahuliza kuli icyo kibazo kibabaje abavandimwe.

Bati: wowe uko ubitekereza mupfa iki ? Ababwira ko yumvise ko muli programe ya Rwasibo n'abo bafatanyije, bavugaga ngo uwabaha uburyo bwo kumwambura umugabo Chrystophe Bizimana, mugenzi we babanye kuva bakili bato, ngo batandukanye akibanira nabo bonyine, byaba bibaye intambwe mu byifuzo byabo byo kumutandukanya n'abaturage.

Rwasibo, Mulindahabi, Rwagahilima, n'abandi, bahulira kwa Bizimana kumwifuliza umunsi mwiza muli Yuli y'uwa 1965. Bizimana aza gukora diskuru avuga ko Rwasibo ali we kubaho kwe, ali we buzima bwe. Ubwo bigaterwa n'uko amaze kumuha uburyo bwo kugura imodoka ya kamyo. Mulindahabi ahawe ijambo, atekereje na ya programu bafite, aza kuvuga ati: ibyo Rwasibo yakugiliye ni byiza,turabishima twese, aliko ahanini icyo dushima n'uko yabigiliraga umugabo nkawe, tuzi twese ho ubugabo n'ubwitonzi, uzi kwihambira ku mulimo we, n'undi wundi yabikugilira.Arakomeza ati:iyo modoka yaje uyicyura iwawe, mu rugo rwawe, n'umugore wawe n'abana bawe, uyicyura imbere y'inyumba yawe,ubwo rero wali uliho mbere yo kubona iyo modoka.

Arangiza agira ati: ahali uwo munsi haba hali ijambo libi naba naravuze , kuko iteka nigengeseraga kugira icyo navugaho Rwasibo.

du Rwande
Bibliothèque

Ubwo Rwasibo ati: shwi da. Nta n'ijambo libi na limwe twigeze tuvuga; kuli ibyo wishyikilize umutima mu nda. Rwagahilima na we abyungamo ati: rwose icyo gihe twariganiriraga nta jambo libi na limwe twavuze, ndetse nta n'uwali akibyibuka.

Mulindahabi aravuga ati:ndumva umutima wanjye wururutse, ni aho hajyaga hantera akoba, naho ubundi ntacyo mpfa na Rwasibo.

Noneho ijambo lihabwa Rwasibo. Ati: ndabivuga neza. Mulindahabi na Rwasibo, mu mubano w'ingo zacu, mu byo dutunze, turabanye neza , nta kintu na busa mpfa na we. Aliko Mulindahabi muli politike, ntabwo nshobora kwumvikana nawe na busa. Kuba yarabaye Sekreteri Jenerali wa Parmehutu kuva mu ntangiliro yayo kugeza ubu, igikozwe muli Parti cyose, n'iyo yaba yacyumvikanyeho n'abandi, kigomba kugira uruhare rwe bwite kimusigira, akaba ali we cyandikwaho. Yigeze kuvugira muli Kongre ya Parmehutu ibya Nkundabera, avuga amazina y'abantu batatu bavugwaho ibya Nkundabera. Icyo gihe nali i Burayi, aho ntahukiye umuntu arambwira ngo nagize Imana sinahaba, naho ubundi nanjye aba yaramvuze nkaba uwa kane kuli iyo liste. Ibyo byarandiye, birambabaza cyane, nshaka guhamagaza Kongre ngo ibisuzume birambulira, bintera kuzenga no kutumvikana na Mulindahabi kugeza na n'ubu.

Rwasibo arongera ati:bukeye nanone avugira muli Kongre ibya Nzeru. Numva abantu banyongolera ngo nanjye nyilimo, nanone birushaho kumbabaza. Bukeye haza ibya Nangabanshura, aliko ibyo byo ntibabimvugaho, kuko nanjye ndi mu bacura abandi. None numva bambwira ngo sinaba ndi mu murongo wa Parti. Hali n'igrupe y'abantu bumvikana na Prezida, bakamwishyikiraho kundusha.

Dutangira kubisuzuma. Babaza Mulindahabi ko hali icyo yigeze kumva kuli ibyo Rwasibo amaze kuvuga. Asubiza ko ibyo kuba Nkundabera ali ibyo yigeze kumvana umuntu, akabihakana, akamutwama, abona ko birangiliye aho. Rwasibo abaza Mulindahabi icyatumye adahamagaza Kongre ngo abihakaniremo. Amusubiza ko kuli we, Mulindahabi, Sekreteri Jenerali wa Parmehutu, areba abaparmehutu bose ku rugero rumwe: umuparmehutu w'i Mushubati cyanga uw'i Gitarama, amufata kimwe n'uw'i Cyangugu cyangwa uw'i Kibungo, cyangwa uwo mu yindi Prefecture iyo ali yo yose. Ati iyo mushaka kubisuzumira mu nama ya Parti, mwajyaga kubishyira muli Sekretariya y'Akarere ya Gitarama, umuyobozi wayo icyo gihe kandi yali Sentama, inshuti yawe y'amagara, ngira ngo aho gukora uwo mulimo wo kubakira Parti n'abayo, ni we ahubwo wagiye abyandurukana abikwiza mu Rwanda hose.

Rwasibo abaza Mulindahabi ati: kuki utambwiye ko babimvugaho ? Amusubiza ko Mulindahabi atabunza amazimwe. Ati:iyaba ali jye wabivuze, ni ho nali kuza nkakongolera nti: aho urabizi, barakuvugaho ibi n'ibi, ngira ngo nibikugeraho utazakeka ko ali jye wabivuze. Naho ubundi jye, sinjya kuvuga ibyo ntazi, ntemera. Mulindahabi abaza Rwasibo igituma we ntacyo yabimumenyesheje ho, alicecekera ntiyamusubiza.

Burgmestre Rwagahilima ati nanjye ndabivuga ntacyo mpishe,ati: icyakora, icyo nzi numvise, ni uko Mulindahabi yambwiye ko iyo bali mu nama Rwasibo akunda kubarushya agafatanya n'abazungu.

Mulindahabi amubaza niba ali icyo cyonyine yamwumviseho. Rwagahilima ati: ni icyo nta kindi. Mulindahabi amusubiliza hamwe n'abali aho bose, ati:naho Kaliope nali amabuye, niba ali iryo jambo ryonyine wanyumviseho kuli mukuru wawe!

- Ubwo ikiganiro twakirekeshejwe n'ijoro. Indunduro yacyo iba iy'uko duteranywa n'abaza kutwongolera ngo baduteranye, ko noneho uzagira icyo yumva ku wundi, aho kukibika mu mutima ngo bimare imyaka ine yose, yazaduteranyiliza hamwe tukabisuzuma, tukareba ufudikiye undi, tukavura amazimwe hakili kare, ntazagombe guhindukamo inzangano./

Ubwo Mulindahabi aravuga ati: ubwo twumvikanye neza ko uzafudikira undi, tuzabimenyesha hakili kare, reka dukureho ibyo abantu bagenderaho kugira ngo baduteranye. Dore Komine ya Nyamabuye n'iya Mushubati zumvikanye guhuza umuhanda, Komine zombi zitungany ahazo, bigeze ku kiraro kili munsi y'iwanjye , Komine ya Nyamabuye itinda uruhande rwayo,urwo ku ya Mushubati rurasigara, dore imyaka igiye kuba ine. Nabibwiye Burgmestre Rwagahilima wa Mushubati, ambwira ko urutindo rwubatse muli Nyamabuye ali Mushubati yarwubatse, naho Nyamabuye ikazubaka urw'i Mushubati.

Abaza Burgmestre Sibomana wa Nyamabuye, aramubwira ati : nimutunganye iby'iwanyu, naho iby'i Nyamabuye narabitunganyije. Hanyuma abaza aba Burgmestre bombi hamwe,uw'i Mushubati avuga ko atali abizi neza, ngo noncho agiye kubikora. Ubwo yabibwiraga Burgmestre Rwagahilima na Burgmestre Sibomana, hanyuma bombi hamwe, ali uko abaturage bamubwiye bati : ngo ntabwo liriya teme lizatindwa na limwe, ngo kuko Rwasibo na murumuna we Rwagahilima bagomba kumenya igihe uviriye iwawe n'igihe uhasubiliye, bakamenya uje iwawe n'igihe ahaviliye, yaba adatahukanye kwa Rwasibo ngo amenyereho ibyo mwavuganye, bakamushyiraho magigili ngo bazamenye ibyo mwavuganye.

Kutubaka iryo teme si amafranga komine yabuze, kuko byemerewe mu nama ya komine, kandi nyuma y'aho tugakomeza ahubwo guhanga indi mihanda.

Burgmestre Rwagahilima asubizako ibyo bizaba bitunganywa, kuko ngo ntaho bihuliye n'ibyatuzanye.

Mulindahabi yongera kumenyesha abali aho ibyerekeye isambu ye,ati: Aho ntuye nahagiye muli 1960, mpataha kuli 19 Yuni 1961. Ni ahantu hitwa "ikidaturwa",haheruka umuntu mbere ya Rumanura. Abo twahaherewe limwe, tugeze nko ku ngo munani, bose bahawe pla y'isambu yabo, abaturage bakamenyesha ko ali jye usigaye. Naka iyo pla Burgmestre,akambwira ko ali ukubera umwanya muto gusa mu milimo ashinzwe. Abaturage bakambwira ko Burgmestre atazayimpa, ngo ndetse azayikwambura. Nabimubwira,ati: ba uretse! None nkifuza ko icyo kibazo nacyo cyarangira, ntihasigare akantu hagati yacu.

- Burgmestre asubiza ko abaturage bose ba komine nibamara kubona pla y'amasambu yabo,Mulindahabi agasanga ali we wenyine usigaye, abe aliho azazana icyo kibazo. Rwasibo yungamo ati :Sinemeye ko Mulindahabi avanga ikibazo cyanjye n'icy'ubutegetsi bwa komine, niyo murumuna wanjye yaba ali we uyitegeka. Ubwo ga baba baramucyashye, arabihorera, none hatangiye gukorwa propagande yo kumuteza bamwe mu baturage ngo nibasabe kuli iyo sambu.

Abali aho mu kanama k'ubuvandimwe bati :nimutahe, uzongera kwumva ko mugenzi we hali icyo yamukoshereje, azabitumenyeshe hakili kare, bitagombye kwihemberamo akazika mu mutima.

Ubwo dutaha bwije,Mulindahabi atahana umutima ukeye,amenye icyo apfa na Rwasibo, asanze bishingiye gusa ku mazimwe, yizeye ko ntawe uzongera kubika amazimwe mu mutima, ngo bigombe kubyara inzika. Arataha,araryama, arasinzira,yilinda kugira uwo yavuga,ati :hato ejo hatazagira n'ibyo bampimbira.

X X

X

Reka itora lize rero ikibyimbye kimeneke!

1)Itora ry'abapropagandiste ba Parti : Kugira ngo mbumvishe iby'itora ry'abadepite,n'ibikorwa muli komine ya Mushubati,keretse mpereye ku itora ry'abapropagandiste. Mu kwezi kwa gatatu ku umwaka ushize, niho Parti yavuguruye amategeko yayo, yongera n'umubare w'abarwanashyaka. Ubwo muli komine ya Mushubati,abaturage bali bahagaraliwe n'abantu batarenze ijana, cyangwa balisagaho gato. Komine ya Mushubati ifite abagabo basora barenze ibihumbi bine magana atanu (4.500). Uwayoboye iryo tora ni Bwana Depite Matiyasi Mpiranya wo mu Ruhengeri,muzamubaze niba hali icyo mbeshyaho. Mulindahabi yaraje asanze abantu bangana batyo,bahagaraliye ibihumbi by'abaturage ba komine, kandi n'abahali asanga ali abaturuka ku murenge umwe wa komine,n'abandi b'intarurutsi cyangwa se baralitswe gusa baturutse ku yindi mirenge imwe n'imwe,asaba ijambo umuyobozi w'iyo nama Bwana Depite Matiyasi Mpiranya, aramutsa abaturage bali aho, ababwira ko biteje isoni kubona ubuke bwabo mu bintu birebera Parti n'igihugu, ababwira ko ibintu bipfunyitse bityo Mulindahabi atabyinjiramo. Abasezeraho aligendera,asiga intumwa yabigenewe ngo ikore uko ibyumva. Ubwo Burgmestre Rwagahilima avuga ko abaturage, cyane ab'inyuma ya Mushubati, b'i Mwaka na Gishweru,batazi inama icyo ali cyo, badashimishijwe no kuza mu nama n'ibiyikorerwamo, ko ahubwo umutima wabo wahugiye mu bisimu bya gasegereti. Ubwo Rwasibo abisigaramo,afatanyije n'umuyobozi,amwumvisha ko ali ngombwa gutora, ubwo nibwo itora libaye, abajyanama ba komine bongerwaho abarwanashyaka baturuka mu karere kamwe,aliko cyane cyane ku murenge umwe, ndetse nyuma Rwasibo asanga ngo hatowemo abarunali baturanye. Itora ry'abapropagandiste lirangiye,batora responsable aba Matiyasi

abyalimana utuye i Remera. Ubutegetsi bwa Parti, ubutegetsi bwa Komine, a Ministre ubyubahiliza biba bibaye ubukonde bw'umurenge, Parti na Komine ivirwaho ind'imwe, gupfa no gukira by'abaturage biba biherereje mu ntoki 'abo bagabo uko ali batatu.

Muli uwo mugoroba, Rwasibo, Rwagahilima, Habyalimana na Banzubaze, baza wa Mulindahabi kumusaba , mw'izina rye rya Sekreteri Jenerali wa Parmehutu, usesa iryo tora ryabaye. Arabahakanira agira ati:niba ibyo muvuga mubiko-eje, abatowe mwese nimugende munyandikire, mushyireho sinyatire zanyu, naho bundi ejo batora wenda bakantoraho Responsable, mukagira ngo nasheshe tora ali umwanya mparanira. Ati kandi rero tugomba kubanza kurangiza rograme yemejwe, tukazenguruka amaprefecturi yose, nyuma ahagiye haba mugobyoro hagasuzumwa na Sekretariya Nasiyonali, intumwa zimaze gutanga aporo. Nuko baratah a, bavunira agati mu ryinyo. Bwana Depite Mpiranya tanga raporo abisobanura uko byagenze, kimwe n'abandi batumwe ahandi hose, ekretariya Nasiyonali yemera ibyabaye hose.

-2)Itora rya Kongre Rejiyonali no gushyira abakandida kuli liste 'ubudepite: Ubu niho abantu babwira Mulindahabi ko aliho baoyumva mpamvu Rwagahilima na Habyalimana Mathias bakoraga propagande ngo uwitwa ulindahabi ntagatorwe.
udaharanira umwanya wo kwandikwa imbere y'abandi ntibyabuza Mulindahabi ushimira abatumvise izo propagande, akandikwa nomero ya kane mu itora . butumwa bwa Rwagahilima na Habyalimana, ngo ni uko Mulindahabi yakwandikwa nyuma ku buryo bubashobokeye bwose.

-3)Igihe cyo gushyiraho abaprezida n'abaseseri b'ibiro by'itora kigeze, biro by'ishingiro bya Parti muli komine biraterana, aliko ntibabimenye-ha Mulindahabi. Inama yo kwemera abazayobora itora, kuli Prefecture, abona rwandiko ruyimutumiramo yaraye ibaye. Noneho hakurikiraho inama y'abakandi-a yo kwemera abazahagararira Parti mu itora. Aba alibwo abona liste yeme-we na Prefe wali aho nawe, abereka uburyo bashyizeho abantu bamwe babashyi-iyeho gusa kugira ngo Mulindahabi adatorwa muli komine atuyemo, kandi ba-aba batangiye kubyigamba. Bashaka kumubaza amazina, abaha iry'umuturanyi asanzwe bazi ko atamureba neza, kandi amaze kumenya imihigo ye ngo ulindahabi nabona ijwi na limwe azazita. Rwasibo ati: nzi neza koko ko atumvikana, aliko ntikali akazi kanjye ko kubivuga, aba yarahibereye aka-uhakana. Abakandida barabyumva, basaba Prefe ko Mulindahabi yamumenyesha bo atemera bashobora koko gutesha umuntu amajwi mu itora. Mulindahabi rabihakana ati: ni twe dushyiraho amategeko tugomba kuyubahiliza, igihe 'ibyo cyararenze. Abakandida bati: ubwo ali uko bimeze, ba ali wowe uduha mazina mu bahagararira Parti. Bali bamuhaye umuturanyi w'ibumoso batumvi-kana, abasaba uw'ibumoso n'uw'iburyo bumvikana. Rwasibo arabirwanya cyane go ni abakozi kandi abandi nkabo baremerwa. Abakandida babwira Mulindaha-i kwishyilireho abantu bane, bavuye mu bajyanama no mu bapropagandiste. basubiza ko adashobora gutera amahari mu bo bafatanyije umulimo, ali bajyanama , ali n'abapropagandiste, ngo uwo ahisemo ni kanaka kuruta bandi. Yarebaga neza ko bashaka kumusopanya n'abasigaye. Nuko ati: ulindahabi nzi koroherana, ibyo nasabaga ndabiretse, tujye mu itora, cyo nashakaga ni ukubumvisha uko ibintu biteye n'uko byabatse muli komine a Mushubati. Rwasibo abonye abirekuye ati: noneho ndabimusabira. Baraha-iranya, Mulindahabi amubwira ati: urakoze, uransabira ibyo ndashaka. bakandida tugomba kubivotera, turabyanga.

Ubwo mbere y'iyo nama Mulindahabi yumvaga bavuga hose muli komine o atazatorwa. Intumwa zikava muli komine ya Mushubati zikajya mu yandi akomine zivuga ko muli komine ya Mushubati nta jwi azahabona; bakavuga ati: utazatorwa iwabo, mwe mumutorera iki ? Bagaruka muli komine ya ushubati bakavuga bati: ko nahandi batazamutora, mwe murapfushiliza iki majwi yanyu ? Nuko abaturage bakanubwira ko ali abantu basa n'abatumwa a Rwasibo, bati twabanje kubigenzura, tugira ngo ni ukubeshya, none ni kuli.

Icyo bashaka kugeraho, ngo ni ukubuza Mulindahabi amajwi muli komine vukamo, bikerekana ko nta naho arahura, noneho bakazabaza abandi igituma amutora mu nama nkuru, akaba Sekreteri Jenerali wa Parti, kandi nta majwi fite aho avuka.

Rwagahilima, Bourgmestre wa komine Mushubati, murumuna wa Rwasibo, yandikisha udupapuro tuliho amazina atandatu , atwandikishiliza mu biro bya komine, maze mu cyumweru cya nyuma mbere y'itora, azenguruka komine, we na Mathias Habyalimana, propagandiste, ngo barajya kujijura abaturage mu nama z'imirenge. Babaha twa dupapuro tw'abo bazatora, buli muntu akajyana ake. Abakozi ba komine bakora ako kazi, abapolisi ba komine bajya kubyemeza uwaramuka ashatse kubyanga. Abaturage bababazwa no kubona Burgmestre ubwe , abakozi ba komine, abapolisi, na bamwe mu barwanashyaka ba Parti , bapfunda ku ngufu utwo tuliste abaturage, kandi barababwiye ko ba zihitiramo ubwabo mu bakandida 24. Abaturage basanga Mulindahabi atalimo bakabibaza. Bakabasubiza ko bene kiliya kitagomba gutorwa, ko na Leta itakimwemera. Abaturage bagataha bibabaje, aliko bagapfukiranwa.

Umunsi w'itora Mulindahabi areba umwuka uhahumekwa, areba uko bashyizeho abahagararira itora n'abagomba kwandikira abatabizi, aratora arataha. Rwasibo we yirirwa ubwe ku biro by'itora, avugira muli mikro, yitwaje ngo arashyira abantu ku mirongo, abereka n'aho bajya gutorera, kandi abakandida twaragombaga kubirekera prezida w'ibiro n'abafasha be babigenewe. Yewe, nta kitabaye uwo munsi, ngira ngo nta yindi komine yali ifite umuntu uhagaze ku isanduku batoreramo, uzanye urupapuro rwe, akabanza kuruzingura ngo arebe abo yatoye, akabona kurushyira mu isanduku.

Ibarura ry'amajwi ridukurikiranya litya:

| | | | |
|---|---|---|---|
| I. Kayibanda | agira | amajwi | II.675 |
| 2. Rwasibo | " | " | II.307 |
| 3. Mukandamage | " | " | 6.291 |
| 4. Sentama | " | " | 6.246 |
| 5. Utumabahutu | " | " | 6.019 |
| 6. Niyonzima | " | " | 5.708 |
| 7. Mulindahabi | " | " | 5.553. |

Bityo ibarura ry'amajwi riha Mulindahabi umwanya wa kalindwi muli komine ya Mushubati, aliko agira umwanya wa gatatu muli prefecture yose. Arashimira abaturage ba komine ya Mushubati kuko bashakaga kumuha amajwi aruse ayo, aliko iterabwoba rya Burgmestre, n'irya propagandiste, barwana ishyaka rya Rwasibo babeshyera kandi basebya abandi, ntiribakundire, agashimira n'abaturage bose ba Prefecture ya Gitarama bakulikiye ukuli n'ubwizere bafitiye abarwanashyaka bababoneye izuba rya Demokrasi, batitaye ku mahari n'umururumba w'abamaze gusinda ubutegetsi bavir'ind'imwe ku batababakuye.

X X X X X X

Itora lirangiye, Mulindahabi ariruhutsa yibwira ko inkeke yaliho irangiye. Aliko arebye asanga bamushyizeho abantu b'ingenza baza kumwumva amagambo. Kuva ku itora aliko umunwa we arawufunga. Nibwo umwe muli izo ngenza witwa Izaki Rukeramihigo amuraje ku ijoro, kugeza mu gicuku hagati. Aho bigeze aramubwira ati: ngeza haliya, ni ho Rwasibo asanzwe angeza. Arahamugeza. Bukeye Rukeramihigo ajya kwa Rwasibo gutanga raporo. Mulindahabi avuye i Kigali saa sita y'ijoro, abona Rwasibo amuli imbere ajyanye uwo Izaki. Berekeza mu nzira imwe n'igana kwa Mulindahabi, na we arabakurikira, abasanga hahandi yaraye amugejeje. Arabasuhuza baramwihorera, agira gatatu. Noneho aritahira. Bukeye uwo mugabo Izaki yandikira Mulindahabi urwandiko, ku italiki ya 5 novembri 65, agira ati:" Uzi ukuntu twaruhanye turara amajoro ngaho za Bukavu, ngaho za Ruhengeri, n'ahandi... Aliko nyuma ingororano yawe umwanya wanjye uwushyiramo Balikage,... nyuma n'uko wagiye unsebya ndabizi, gusa n'uko iyeze itirabura... Ikindi nkwiyamye ni uguhora ungenzura ngo ntwawe na nde mu modoka. Ntiba ali iyawe... Mbese ye, emera unyerurire nanjye ngusebye nk'uko wagiye unsebya."

Kuva ubwo Izaki uwo akomeza programe yo gusebya Mulindahabi, aliko ntiyongera kugaruka kumutesha igihe.

Balikage uwo avuga yabaye sushefu w'agateganyo muli I959-I960. Mulindahabi nta busushefu yigeze atanga kandi ntiyigeze aba shefu mu Marangara.

Ubwo Mulindahabi alicecekera ntiyamusubiza. Urwo rwandiko rumwibutsa urwo uwo mugabo Izaki yamwandikiye ku italiki ya 9/I2/I963 ruteye rutya:" Ndagusaba ngo unsobanulire ibintu bibili maze iminsi nibaza:
a) Muzi ko twarwanyije lunari kandi nubu tutararuhuka, ubwo si ukugira ngo na twe tubeho neza? Mubona ko ali jye uzaguma mu bukene abandi mugumya kubazamura?
b) Kuki njya kumva nkumva kanaka yabonye umulimo umuzamura, nkabo kare kose babaga he mu gihe twararaga mu bigunda ? Kuki batagaragaraga ? None bamaze kubona twararwanye inkundura, barigaragaza. Nshima wa mugabo wise umwana we "Mbonabaryi". Ni koko, usibye mu bafite amashuli yisumbuye, aho abandi hali undusha kwandika cyangwa undusha igifransa ? Ntegereje igisubizo. Ndibaza undusha ishyaka muli Parti ali nde ?"

Reka ibyo by'amahari tubyihorere, nubwo ali byo ntangiliro ya byose, ku byerekeye uwo mwalimu utalize n'umwaka wa mbere w'amashuli abanza (ni ko bili), dukomereze aho twali tugereye mu by'umwaka ushize.

Ku italiki ya 4/I2/I965 burgmestre Rwagahilima, murumuna wa Rwasibo, yandikira Kaliyope Mulindahabi, Sekreteri Jenerali wa Parmehutu agira ati:"... Abandi ni ababajwe n'amajwi baguhaye, bataramenya ko wataye umurongo wa Parti... Ubu rero ngo ugiye gutunganya Parti yawe, ngo uvane ku mulimo abatagutoye... Rero ngo uzahera ku bayobozi ba komine bataguhaye umuhanda munsi y'iwawe, bakaba bataguhaye n'isambu y'umuntu muturanye, bakaba kandi ngo bazazira ko bavugiye mu ruhame uko wahimbye UBUKUNDABERA n'icyo wabuhimbiye... Ko ushaka guteranya komine ya Mushubati na Parmehutu, niba udashaka kuhatura ngo n'uko utahabonye amajwi y'abaturage bose, ukaba wenda wifuza gutura aho wayabonye, nuhagera ntuyahabone uzajya gutura mu kirere, ko baca umugani ngo "ugaya impfura z'iwabo bucya yimuka" ? ... Bwana Sekreteri Jenerali, niba ukomeje gutera impagarara mu baturage, ibyawe tuzabishyira ahagaragara... Kuko bikomeje uko bili, mu gihe gito byatwicira komine... Rero ngo numara gushinga Sekretariya ya Parti i Gitarama n'i Kigali, umaze kubona abasilikare bakurinda, ngo akazavuga uzagakandagira."

Tuzi neza ko Mulindahabi ntawe yigeze akandagiza umusilikare mu myaka ine yose yayoboye Ingabo z'Igihugu, none ngo abo azatira ni bo azakandagiza abantu !

X X
X

Burgmestre amaze guteguza Mulindahabi ko ibye bagiye kubishyira ahagaragara, ntihashira ibyumweru bibili atarangije intego yabo. Nibwo ku italiki ya I6/I2/I965 hadutse inkuru y'uburozi kwa Rwasibo no mu biro bya komine ya Mushubati.

Dore uko benebyo babivuga: ngo Rwasibo yarabyutse, agiye gufata icyayi, umugore aramubuza. Rwasibo amubajije impamvu yamubuza kunywa icyo cyayi, undi aramusubiza ati umuboyi ni we wabigutekerereza. Umuboyi ati dore ibyo nahawe na Banzubaze ngo nzabishyire mu byo kurya, none byanteye ubwoba. Ambwira kandi ko nindamuka murangilije ubwo butumwa azangulira igare ry'ibihembo, akanangerekeraho n'amafranga, kandi ko ngo na Mulindahabi yazampemba.

Ubwo Rwasibo yumvise iby'umuboyi we amaze kuvuga, yihutira kubishyikiriza umutegetsi wa komine ya Mushubati murumuna we burgmestre Rwagahilima . Nibwo rero burgmestre afashe Banzubaze amufungira muli komine, amwihererana iminsi amukoresha ankete amubwira ko atali we bashaka, ko yemeza gusa ko ali Mulindahabi wamutumye. Nuko Banzubaze, uretse agahinda ko kubeshyerwa no gufungirwa ubusa, ahakanira burgmestre ko atashobora guhimbira umuntu ibyo atakoze.

Nuko iby'uburozi babifindafindira muli iyo ankete yabereye hagati y'umuryango wa Rwasibo na murumuna we Rwagahilima. Murabyumva aliko ko na Sentama atashoboraga kwihanganira kubiburamo. Nyuma bageze aho batabaza abategetsi ba Prefecture n'abagenzacyaha. Nuko Banzubaze avanwa mu buroko bwa komine, we na wa muboyi wo kwa Rwasibo bashyikirizwa Parke, nayo irabikurikirana.

Iby'igare ryavuzwe, ni igare umugabo yaguze n'umuboyi wo kwa Rwasibo. Nuko biherereana uwo mugabo baramubwira ngo nahakane ko iryo gare atali umuboyi wabo waliguze, ko ahubwo ryaguzwe na Banzubaze. Undi ati sinjya kubeshyera umunyarwanda, igare naliguze n'umuboyi wanyu.

Ku italiki ya17/3/1966 niho Parke yatangaje irangizwa ry'umulimo wayo. Kuli iyo taliki nyine, niho Bwana Ministre w'Ubutegetsi n'Ubucamanza yaje gukoresha inama muli komine ya Mushubati ngo asobanulire abaturage icyo ankete y'uburozi yagezeho. Icyakora rero, nk'uko bisanzwe muli iyo komine, abali baje muli iyo nama ni abaturage b'umurenge umwe gusa, ali wo wa Remera, bali baralitswe babwilijwe n'ibyo baza kubaza muli iyo nama. Naho abapolisi ba komine bali bashyizwe mu mayira ngo babuze abaturage bo mu zindi mpande za komine kuza kumva ibivugirwa muli iyo nama. Nuko Bwana Ministre abwira abaturage bali aho ku mugaragaro ko ankete zasanze ntacyerekeye kuli Mulindahabi ku byo bamuvugaho byose; ko nta n'igihamya Banzubaze. Nuko infungwa zirarekurwa.

Banzubaze uwo yali inshuti ikomeye ya Rwasibo, ndetse akaba yarabyawe mu batisimu na Rwagahilima murumuna wa Rwasibo, bagashaka ko yakomeza kubana nabo bonyine ndetse akanga Mulindahabi, bibananiye ni ko kumucira uburozi, baramufungisha. Banzubaze ntiyatunguwe n'ayo makuba yamubayeho kuko burgmestre yali amaze iminsi amubwira ko natanga Mulindahabi azabona ibyago bikomeye, kandi akamubwira ngo ibyo byago bigiye kumugwira arabishakira iki ? Banzubaze akibaza ibyo ali byo bikamuyobera. Ahakanira burgmestre ko atashobora kwangira umuntu ubusa. Banzubaze uwo ni umugabo wanga amafuti, ndetse no ku ngoma ntutsi yemeye gufungirwa kwanga guhunika ibishyimbo muli 1958, atoterezwa ko yaharaniraga ukwishyira ukizana Gahutu yali abuze muli icyo gihe. Mulindahabi rero ntiyigeze agira ubwoba bw'uko Banzubaze yamubeshyera, kuko ubugiranabi yali amaze kugirirwa na se wa batisimu n'umuryango we birenze urugero: nta bugome burenze gucira undi uburozi no kumufungisha azira ubusa !

X X X

Uwo mukino wa sene y'uburozi wabereye kwa Rwasibo n'ab'iwe. Uko byaje kwototera Mulindahabi ni byo umuntu yakwibaza. Iyo nkuru y'uburozi yahereyeko iba propagande ya politike. Abayamamaza baryoherwa no kuyikwiza mu Gihugu cyose, bazenguruka za prefecture. Ntiliwe mvuga bamwe mu balayiki byashajije, bagaragukiza muli izo mitingi, ndetse na bamwe mu bashinzwe roho zacu babyiroshyemo, bahumishwa n'ubucuti bafitanye na Rwasibo, bibagirwa Ivanjili ibategeka gutarura intama yazimiye, bateshuka ku mulimo w'ububyeyi badufiteho, babogamira mu gipande kimwe, bakwirakwiza inzangano n'amazimwe, bigeza aho batinya kwivuga mu izina, bihimba Mbwiruwumva na Bavugibiliho, ukaba wakeka ko ali ukuli koko bumviye mu ntebe ya penetensiya. Imana ishimwe kuko abo bapagani ali bake kandi idufashe umubare wabo ntuziyongere. Igazeti yacu Kinyamateka yarikwiliye kutumenyesha ukuli, kuko ali imwe itagira indi iyivuguruza mu Gihugu cyacu gikeneye cyane n'amagazeti, kandi akaba ali igazeti gatolika, ikiyivuzwemo cyose umuturage apfa kumira ngo padri ucyandika ni umubyeyi kandi ngo Roho Mutagatifu amulinda kuyoba, nayo bayikoreramo politike ya Munyangire, bayihindura igikoresho cya propagande y'uburozi cyo gukwirakwiza ku mugaragaro ibisebyo, inzangano, amahali, n'andi mafuti. Umwanya Kinyamateka igitegereje icyo ankete z'ubugenzacyaha zizageraho, ishoka ishyuha'gizwa ibaza igihe Kongre ya Parti izabera, ikorwa n'isoni zo kubona abantu b' ibikomererwa bajya muli ankete, aho yashimishijwe no kubona ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko.

Ibyo byose byahimbiwe gusa gusebya Mulindahabi na bamwe mu barwanashyaka, kumusenya, kumurangaza mu milimo ashinzwe no kumutesha agaciro mu baturage. Kandi ababilimo babityayemo, icyo bahuliyeho, kibahuje gusa, ni ukwanga Mulindahabi.

X X X

Mu kwezi kwa mbere k'uyu mwaka 1966 Mulindahabi yandikirwa amabaruwa ageze nko kuli atanu y'abantu bafatanyije ubushenzi n'ubupagani badakwiliye gutangwaho urugero mu bandi, nka Krizostome Hitimana, Frodualidi Nyamwigema, Matiyasi Nkerabigwi. Awe avuga ngo :" Urubaka amagorofa nkibera mu ivundi, uko uhindura costime niko uhindura imodoka. Niko ye, urinda kungambanira ngo mpfe, wanyirasiye ubwawe ko bitakunaniye ? Rero n'uko haliho abagenewe ako kazi, bakagahemberwa, nk'uko haliho abatangiye kukwirahira. Batabayeho kandi haliho ibyaba bitagikora akazi kabyo: nk'inzoga zaborera mu bibindi, n'amafranga ntiyaba akibona aho abikwa."

Ayo mabaruwa asuzumwa mu nama y'abarwanashyaka muli komine yabaye ku wa 6/2/1966. Amabaruwa arasomwa. barangije babwira Mulindahabi ngo nasubize. Ababwira ko yishimiye ko bumvise nabo ibyo yajyaga asoma wenyine, ko yifuza ko byumvwa na benshi kugira ngo barebe nabo ibinyoma no gusebanya bili muli izo nzandiko; kandi ko nibimara kumenyekana, ali abandika ali n'ababoshya, bose bizabahinduka: ubugiranabi ntibuherezayo. Ababwira ko haliho inkiko, umuntu urega akazagenda akarega nk'uko nawe nibakomeza kumushotora uwo azashaka kurega azamurega; hakabaho ubutegetsi bakabushyikiriza ibibwerekeye; hakabaho na Parti, bajonjora muli ayo mabaruwa ibireba Parti bakabimwereka, akazabasubiza uko bashaka ali mu magambo cyangwa mu nyandiko. Abamenyesha ko adashobora gusubiriza mu nama ya Parti ibaruwa y'uwiga kwandika wese, keretse Parti yemeye ikayagira ayayo, abarwanashyaka bakamubaza akabasubiza, aliko abaturage bakeguka. Atugira inama y'uko akanama k'abatatu bayobora ibiro by'ishingiro muli komine katwigira ibili muli ayo mabaruwa bireba Parti, umwe udahali agasimburwa na Rwasibo, maze bakadushakira ibibazo agasubiza. Rwasibo nibwo bimurakaje, avuga ko Mulindahabi adakwiye gusubiza inama atyo, yemeza ko inzandiko ali iza Parti, ngo ziravuga ikibazo rusange, ngo icyo abo bantu bashaka ni amahoro, Mulindahabi nayatange.

Mulindahabi amusubiza asubiza n'inama ko nta muturage uha undi amahoro, keretse atanze aye yali afite, akisigarira aho. Naho ubundi hali abategetsi bagomba kubahiliza amahoro kuli buli muturage wese, kandi bafite ingufu za Leta za ngombwa ngo bubahilize amahoro y'abaturage; naho Mulindahabi nta amahoro afite yo gutanga.

Ayo mabaruwa yali agenewe gusa gusebya Mulindahabi.

X X
X

Ku wa 7/4/1966, ku munsi wa Mutagatifu Kaliyope, bazina wa Mulindahabi, kwa Rwasibo bakwiza inkuru ngo Mulindahabi araza kubatera. Batabaza Prefe, Komiseri n'abapolisi barara irondo. Baza guhura n'igitero cy'abantu, babonye abapolisi barikanga, bahunga bashaka kwihisha. Ijoro ryali rigeze hagati. Abapolisi barasa mu kirere. Umuyobozi w'abo bantu abwira abapolisi ati:ntimutwakure, si twe babahamagarije, twe turajya gutabara Rwasibo.

Tuza kumenya ko kwa Rwasibo batabaje abapolisi n'abasivili, bagira ngo nibasakirana, abapolisi baze gukeka ko ali abantu boherejwe na Mulindahabi gutera Rwasibo, baze kugira uhakomerekera, ako kanya bakwize hose ko ali Mulindahabi wamwicishije; abapolisi ntibali bazi ko hali abantu bandi bararitswe gutabara Rwasibo, abo bantu nabo ntibali bazi ko hali abapolisi bali buhure. Imana ikinga ukuboko; ubwitonzi bw'abo bapolisi buturinda ayo mahane .

X X
X

Nk'uko natangiye mbivuga kare kwose, nkunda ukuli, nkoresha ukuli, kandi nizeye ko ukuli kutapfukiranya no kubeshyerana, gusebanya, bigeze aho guhimba amarozi, niyo mpamvu nsanze ali ngombwa kumulikira abashaka ukuli bose, abaliho n'abazaza.

Ikinteye kwandika si ukwiregura kubyo bambeshyeho byose, kandi n'ubu bagikomeza gukora. Nandika ibi, nsanze ali nko kwishyura umwenda nali mbereyemo abashaka kumenya ukulibose, no kuba ali ko biyoboresha, nsanga iyi nyandiko yagorora amateka y'u Rwanda ku bashaka ukuli bose, ikabumvisha propagande ziliho muli iki gihe, zatangiranye n'ili tora lishize ry'Abadepite, kandi zitazabura gukomeza igihe cyose haliho abashaka kulirira kuli Parti ngo bigerere ku byabo.

Nkili Ministre w'Ingabo z'Igihugu numvaga bavuga ngo uwabaha ngo bankure ku Buministre gusa, naho ibyo kunkura kuba Sekreteri Jenerali wa Parti ntibiruhije. Uwo mulimo w'ubuyobozi bwa Parti narawutorewe, nywongezwa ntabisabye, ahubwo nsaba kubireka ngasimburwa mu neza, ntibyemerwa. Ubwo buyobozi bwa Parti mbukorana ishyaka n'umutima mwiza nsanganywe. Sinali nyobewe imiruho nsanzwe nywukorana, n'imitego yindi iwuntegerejemo. Byose nakomeje kubyitondamo, ndeba igitunganiye Parti n'Imana Rulema. Sinemeye gukulikira abashakaga gushyira muli Parti amazimwe n'amarozi, kandi twese tuzi icyo programe yayo itwigisha. Sinakurikiye abashatse kwiga amazimwe n'amarozi mu Nteko ishinga amategeko, nk'aho ali itegeko lishya twigaga ngo tulishyikilize igihugu.

Hali propagande zivuga ngo uwakuraho ali Mulindahabi ali na Rwasibo, ngo byatungana. Ibyo byaba ali ugukulikira neza umurongo w'abahimbye amarozi, no gukinishiliza Parti mu murengwe w'abayikiliyemo, kuko ngo umugabo wifitiye inzu mu mugi, akigilira amangazini n'imodoka, ngo ashobora kwiyicalira aho adakora, abuza abandi uburyo, ategereje kureba uko Mulindahabi azagendesha ibirenge igihe yazaba atakili Sekreteri Jenerali wa Parmehutu. Ikindi rero ni uguca iruhande rw'ikibazo, kandi n'uwansimbura ntabwo yaba afite inzira yo gutunganya imilimo ye. Ikibazo ni iki:

Mwemeye muli Parmehutu gukoresha uburyo bwose bwo kwiyamamaza, mukoresha ibinyuranyije na programe yayo, nka :imali, urwango, gusebanya, gucirana amarozi, ali ugushaka gusa kuvugwa no kurushaho kumenyekana, ngo ubone uko ukomeza gukora propagande yawe muli Parti n'inyuma yayo ?

X X

X

Baparmehutu, Barwanashyaka ba Parmehutu, mbashimiye uko mwifashe muli iki gihe gisa n'icyagenewe kubapima ngo barebe uko uburwanashyaka bwanyu bushingiye kuli Parti bungana. Umuparmehutu w'ukuli wese ntiyahungabanyijwe na muyaga. Usibye n'umunyarwanda usanzwe azi ko uwo wanga umucira uburozi, na benshi mu banyamahanga bumva ukuli ntibabyemeye, bahereyeko bumva umudeli mushya wa politike y'amarozi, basigara bibaza gusa amaherezo yabyo. Abacumbagira muli Parti babyohotseho, aliko benshi muli bo babiseka, kuko nta muntu ushyira mu gaciro wabyemera. Inyenzi zirabishima, kuko zibonye icyuho cyo gutera igihugu. Abasabosi bose barasusurukirwa.

Baparmehutu mutatezutse mwese, ndabashimye, mbashimiye ishyaka ryanyu. Sinarangiza ntabibukije ingingo zimwe zabafasha mu milimo yanyu.

Umurwanashyaka wa M.D.R.Parmehutu agomba kuba ubwe urumuli rwa Demokrasi.

Umurwanashyaka wa M.D.R.Parmehutu ntarangwaho imico ya gihake n'udusigisigi twayo, ali ku giti cye, ali no mu milimo akora. Ntasopanya abo bali kumwe n'abo bakorana, yaciye ukubili n'ingeso mbi y'ubugigili, no gusebya abandi mu cyayenge.

Umurwanashyaka agomba kuba inkingi y'amahoro mu rwego alimo, akalinda Parti icyakurura urugomo cyose, icyo abonye cyakwicira Parti akacyereka ubutegetsi. Ubugigili n'ubusopanishe bikanga amahoro mu baturage kurusha ubunyoni bweruye.

Umurwanashyaka agomba kumenya ko ubuvaderi, uburunali n'ubunyenzi ntaho byagiye, byiyorobetse gusa, bigafata umudeli mushya wo gusopanya abaparmehutu mu gisilimu cya kizungu, babifashijwemo na Gashakafayida ushaka kuzungura Gashakabuhake.

Umurwanashyaka aziraha d'udupolitike dushingiye ku turere, ku nzu, ku miryango n'amoko. Ushaka kumunga Demokrasi, intwaro ye ya mbere ni bene iyo. Icyiza mu by'uturere tw'Igihugu, n'uko umurwanashyaka wese yakwereka abandi icyo abona mu karere atuyemo azi neza cyakungura abaturage n'izindi mpande z'Igihugu.

Umurwanashyaka ntahumishwa n'ubuvandimwe n'ubucuti, ngo ahinduke umuhangajambo, yivuguruze mubyo yali asanzwe yigisha abaturage, acishe ukubili n'inyigisho za Parti, ace ku kuli kandi akubona.

Umurwanashyaka yubaha ubutegetsi, akabwubahisha, akabushyigikira, niyo ubutegetsi bwaba bufitwe n'umuntu utamunyuze ku mutima. Kubaha ubutegetsi ntibinyuranyije no kwerekana amakosa yabaho; gusebya umutegetsi ni ukuyobya abaturage no guhemukira Demokrasi.

Umurwanashyaka ntagomba kurwanira umwanya mu butegetsi bw'Igihugu, kuko kwirukira igitinyiro no gutwara ali agasigisigi ka gihake. Kwitoresheza akamaro ubona ko wagilira abaturage byo ni byiza, Parti irabishima: bikore mu mategeko ya Parti, udasopanya abandi barwanashyaka, utabanza guteranya abo ejo uzagomba kungira kuzuza programe ya Parti izaba yagutoresheje.

Umurwanashyaka ashimishwa n'uko abaturage baza mu nama ali benshi. Umubare muke w'abaza ni ikimenyetso cyo gusigara inyuma mu majyambere ya Demokrasi. Kubacamo ibice ni ikimenyetso ko hali ingingo ubeshyaho udashaka ko yumvwa na bose, bikaba rero kudindiza abaturage no kubagumisha mu bujiji.

Umurwanashyaka ntazanwa mu nama za Parti n'uko yikoreye mugenzi we, ahubwo aterwa ishyaka no kugira ikintu yunguraho bagenzi be gifitiye akamaro abaturage na rusange rw'Igihugu.

Umurwanashyaka yigisha abaturage ko ali bo bazitorera bihitiramo mu itora, aliko ntaca inyuma ngo abangishe abo bifuzaga kwihitiramo. Kwiyamamaza usebya undi ni ubuswa buvanze n'ubugome.

Amatangazo, inzandiko, n'igazeti bya Parti, kutabisoma ni ukwigumisha mu bujiji mu bya Parti; kubisomeshwa n'amatsiko ni ukwitera igihe, na bamagigili barabigira. Bisomere kubyumva, kubonamo icyo wakorera Igihugu, kurebamo icyo wagilirah abandi inama, kubirebamo inzira Parti iyoboramo abayo bose, no kubibonera igitekerezo cyakungura bagenzi bawe musangiye uburwanashyaka.

Umurwanashyaka agomba guhora ali inyangamugayo, akilinda ingeso y'umurengwe: nko guheranwa n'ubudabagizi n'ubwiyandarike, gushukwa n'abanyamahanga bashakira ubudiligi bwabo inkingi mu Banyafrika ndetse no mu Baparmehutu. Yanga ruswa na bitugukwaha, ali iya kinyarwanda ali n'iya kizungu.

Umurengwe ukunda guturuka mu kutamenya cyangwa kwibagirwa amatwara ya Gahutu muli 1959, aho gukomeza kurega ingufu ngo Demokrasi igere mu muco w'abaturage bose no mu mibereho yabo yose. Umurwanashyaka ntakwiliye kurangara ngo adabagizwe n'umurengwe w'ibyo Parmehutu imaze kumugezaho, ngo yiyibagize ko amatwara ya Gahutu muli 1959 ataragerwaho byuzuye mu ngingo zose z'amajyambere y'abaturage. Gashakabuhake na Gashakafayida ntibaratezuka, baracyali babandi.

Umurwanashyaka avugisha ukuli, ntaryaryana mu mpaka ngo asezeranire bagenzi be ibyo azi neza ko azakora ibinyuranyije nabyo. Ahorana ubupfura bw'umutima bumulinda kuba umuhangajambo.

Igihe mutumvikanye, hali uwutateranyije nk'uko bigwiliye kuli ubu, cyangwa hali ingingo mwapfuye, Murwanashyaka, ilinde kuvanga imilimo ya Parti n'umubano wawe usanzwe. Witangira gusesera ushaka abantu bawe, kuko kenshi aho kugufasha kwiyunga, barakwanganira. Wamara kugira abawe na we abe, bagasigara bahoroba no mu milimo. Iby'imiryango n'amoko bikaziraho, intego yali ibahuje yo guharanira Demokrasi igatakara kure. Icyo gihe Umurwanashyaka w'ukuli amenya ko abatali muli Parti babishyuhamo kurusha abandi, akagomba gusigara areba Manifeste ya Parti y'Igihugu, ikamubera umunzani mu milimo ashinzwe.

Umurwanashyaka agomba guhora ali imbere mu bibazo by'amajyambere, tukamenya twese ko ikibazo cy'ubu ali amajyambere ku mutungo w'imali, aliko ntitwibagirwe ko Gashakafayida w'umudiligi ahadutegeye n'umufuka w'imali yashukidha uwemeye kumubera icyitso cyo kugura Igihugu. Amajyambere y'ingo azazamurwa no gufasha no kubwiliza abaturage inzira ya za koperative zo gukora bashyize hamwe, bakishingira amasanduku bafatanyije, azabafasha mu milimo yabo: ni cyo kizakiza Igihugu umurengwe ushingiye ku bukapitaliste.

Umulimo w'umurwanashyaka ntuhagaralira kuli mitingi na propagande gusa. Uko asobanulira abaturage, ni nako afatanya na bo, abatabarana ingufu ze zose, z'ubwenge, z'ubutwali, z'umubili, n'iz' ubushobozi afite, kugira ngo igikorwa cyiza cy'ingirakamaro kijye mbere.

Baparmehutu, Barwanashyaka ba Parmehutu, nongeye kubashimira imyifatire yanyu itahindagajwe na muyaga. Siniriwe mvuga byinshi kuko namwe mwabonye ubwanyu ababazengurutsemo bakwiza inzangano. Nimufatane urunana, muteze imbere programe ya M.D.R.Parmehutu, mwamamaza amahoro ya Demokrasi, ni cyo Manifeste-Programe ya Parti itwigisha, kandi ni byo bizadufasha kudacogora no gukomeza gutsura amajyambere y'Igihugu mu muco nyawo wa Demokrasi.

Mbashimiye umutima mwiza n'ubwitonzi bizabayobora iteka aho mubona ukuli!

Kitarama, kuwa 19 Yuli 1966

C. MULINDAHABI

[signature]